REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kigali, kuwa 18/04/2025

Ref 495 /16.3/NLA/16.01

Madamu/Bwana Company/ TRINITY MUSHA MINES LTD

Ukoresha CORS Network.

**Impamvu:** Kumenyeshwa igihe cyo gutangira kwishyuza serivisi z'iminara y'ibipimo fatizo ikorana n'ibyogajuru (CORS Nework).

Bwana/Madamu,

Hashingiye ku Iteka rya Perezida N° 030/01 ryo ku wa 06/05/2022 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka mu Rwanda, mu ngingo yayo ya 7 yerekeye n' Inshingano; Igika cya 7°, kijyanye no gukora, kuvugurura, gutangaza no kumenyekanisha ibipimo n'amakarita by'inyigo y'imiterere ku bumenyi bw'isi, iby'imiterere y'ubutaka, iby'imbago zo mu mazi, iby'ibibanza n'amasambu birebana n'umutungo w'ubutaka; igika cya 8° (b), (c); Ingingo ya 8, igika cya 8° kijyanye no gutunga umutungo no kwinjiza amafaranga binyuze muri serivisi Ikigo gitanga cyangwa inkunga gihabwa;

Hashingiwe ku mabwiriza y'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka, akaba n'Umubitsi Mukuru w'Inyandikopamo z'ubutaka; No 742 yo kuwa 18/04/2024 agenga abemerewe gukora umwuga wo gufata ibipimo ku butaka (Certified Land surveyors) mu Rwanda, mu ngingo yayo ya 12 igena ibiciro bijyanye no gukoresha iminara fatizo ikorana n'ibyogajuru (CORS Stations)) mu buryo bw' ikoranabuhanga rya (CORS network) mu mirimo yo gufata ibipimo ku butaka;

Tubandikiye tubamenyesha ko igihe cyo kwishyura ikoreshwa ry'iminara y'ibipimo fatizo ikorana n'ibyogajuru (CORS Network) kizatangira ku wa 01 Ukuboza 2024; gisozwe kuwa 15 Mutarama 2025. Aya mafaranga azajya yifashishwa mu kwita no gusimbura ibikoresho byangiritse cyangwa ibishaje, mu rwego rwo kurushaho gutanga amakuru y'ibipimo bifatwa ku butaka afite ubuziranenge.

Ibijyane n'amafaranga yishyurwa, uburyo bwo kwishyura ndetse n'ibisabwa murabisanga ku mugereka w'iyi baruwa;

<u>NB</u>: Mu rwego rwo kongera ubuziranenge bw'ibipimo by'ubutaka, buri munyamwuga wese arasabwa buri gihe gufata ibipimo yifashishije iminara y'ibipimo fatizo ikorana n'ibyogajuru (CORS Network).

NATIONAL LAND AUTHORITY

**NISHIMWE Marie Grâce**
**Umuyobozi Mukuru/Umubitsi Mukuru w'Inyandikompamo z'ubutaka.**

**Bimenyeshejwe:**
-Madamu Minisititi w'Ibidukikije,
-Bwana Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi.
KIGALI.

**UBURYO BWO KWISHYURA SERIVISI Y'IKORESHWA RY'IMINARA Y'IBIPIMO FATIZO IKORANA N'IBYOGAJURU (CORS NETWORK)**

**1.IMBONERAHAMWE IGARAGAZA AMAFARANGA YISHYURWA KURI SERIVISI HAGENDEWE KU IBYICIRO.**

| No. | Ibyiciro by'abakoresha umunara w'ibipimo fatizo ukorana n'ibyogajuru CORS station | Ubwoko bwa serivisi (Nature of Service). | Ikiguzi yishyura ku mwaka cyangwa ku kwezi (User's Licensing Cost/Year/Month (Frw) |
|---|---|---|---|
| 1 | Impuguke mu gufata ibipimo ku butaka ku giti cye | Gukoresha umunara w'ibipimo fatizo ukorana n'ibyogajuru buri mwaka (CORS equipment/Year | 100,000 |
| | | Gukoresha umunara w'ibipimo fatizo ukorana n'ibyogajuru buri kwezi (CORS equipment/month | 25,000 |
| 2 | Amashuri makuru na za Kaminuza byigenga | Gukoresha umunara w'ibipimo fatizo ukorana n'ibyogajuru buri mwaka (CORS/equipment /Year) | 100,000 |
| | | Gukoresha umunara w'ibipimo fatizo ukorana n'ibyogajuru buri kwezi (CORS/equipment month) | 25,000 |

NATIONAL LAND AUTHORITY

| | | | |
|---|---|---|---|
| 3. | Umushakashatsi (Individual consultant/Researcher) | Gukoresha umunara w'ibipimo fatizo ukorana n'ibyogajuru buri mwaka(CORS equipment/Year) | 200,000 |
| | | Gukoresha umunara w'ibipimo fatizo ukorana n'ibyogajuru buri kwezi (CORS equipment/month) | 50,000 |
| 4. | Sosiyete (company) | Gukoresha umunara w'ibipimo fatizo ukorana n'ibyogajuru buri mwaka (CORS/equipment /Year) | 300,000 |
| | | Gukoresha umunara w'ibipimo fatizo ukorana n'ibyogajuru buri kwezi (CORS/ equipment month) | 100,000 |

**<u>ICYITONDERWA</u>:**

1. Amafaranga azajya yishyurwa anyujijwe kuri nimero ya konti y'ikigo cy'igihugu cy'ubutaka ikurikira:

    **Account Name: Projects account**
    **Account Nber: 1000040734**
    **Bank Name: BNR**

2.Ibisabwa kugirango umunyamwuga akoreshe umunara (Subscription)

3.Kuzuza ifishi yabugenewe iri ku mugereka,

4.Kugaragaza inyemezabwishyu no kuyohereza kuri e-mails: finance@lands.rw na surveyors@lands.rw

5.Itariki ntarengwa yo kwishyura umwaka wa 2025 ni Ku wa 15/01/2025. Umuntu uzaba atarishyura kuri iyo tariki azahita yamburwa ububasha bwo gukoresha iyi minara (CORS Network) no kwamburwa uburenganzira bwo gutanga servisi z'ubutaka binyuze mu Irembo kubo bireba.

6.Tuboneyeho kubakangurira kuzuza ibyo mwasabwe hejuru guhera umunsi mukibona iyi baruwa, kugirango izi mpinduka zitazababangamira mu mirimo yanyu.